

RWANDA / JUDGMENT

UBUSHINJACYAHA v NTAGANIRA

RS/INJUST/RP 00006/2024/SC

COURT

Supreme Court

DECIDED

11 July 2025

CASE / FILE NUMBER

RS/INJUST/RP 00006/2024/SC

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

UBUSHINJACYAHA v NTAGANIRA

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2025-07-11
- Case/document no.: RS/INJUST/RP 00006/2024/SC
- Collection: Supreme Court

Text

Page 1

UBUSHINJACYAHA v NTAGANIRA [Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA - RS/INJUST/RP 00006/2024/SC (Cyanzayire, P.J, Muhumuza na Kalihangabo J.) 11 Nyakanga 2025] Amategeko agenga ibimenyetso – Ubuhamya – Ubuhamya butanzwe n'umuntu utariboneye cyangwa ngo yiyumvire ubwe ibijyanye n'imikorere y'icyaha cyangwa ikiburanwa (la preuve par oui-dire/hearsay) – Ubuhamya bwemewe mu Rukiko ni ubutanzwe n'uvuga ibyo yiboneye cyangwa yiyumviye ubwe, ubutanzwe n'umuntu utariboneye cyangwa ngo yiyumvire ubwe ibijyanye n'imikorere y'icyaha cyangwa ikiburanwa (la preuve par oui-dire/hearsay) bukaba butakirwa, iyo bugamije kwemeza ukuri kw'ibivugwa. Amategeko agenga imanza nshinjabyaha – Inkunga mu gukora icyaha – Inkunga mu gukora icyaha ifatwa mu buryo bukurikira: Kuba icyitso bisaba ibintu bitatu ari byo ko haba habayeho

- (i) igikorwa cyo kuba icyitso (ii) igikorwa kigize icyaha gihanwa n'amategeko kandi (iii) bigakorwa bigambiriwe hagamijwe kwifatanya n'uwakoze icyaha; Igikorwa cyo kuba icyitso (L'acte matériel de complicité) kibaho hatangwa ubufasha (aide ou assistance) cyangwa mu gushishikariza ukora icyaha cyangwa kumuha amabwiriza (provocation ou fourniture d'instruction); Si ngombwa ko ubufasha cyangwa inkunga yatanze iba yabaye ngombwa

cyangwa ko haba hari icyo yafashije koko mu ikorwa ry'icyaha, ikirebwa ni uko iba yafashije ukora icyaha gufata icyemezo; Inkunga mu gutegura icyaha igizwe no gufatanya n'ukora icyaha mu bikorwa bitegura icyaha cyangwa mu gufata ingamba zigamije koroshya ikorwa ry'icyaha, uzi neza ko ibyo bikorwa biri buze gutuma icyaha gikorwa; inkunga mu gukora icyaha, ni iyatanzwe mu gihe icyaha gikorwa, n'ubwo uyitanga atari we ubwe uri gukora icyaha. Incamake y'ikibazo: Muri uru rubanza, inkiko zabanje zahamije Ntaganira(uregwa) icyaha cyo kuba icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana, nyuma yo gusanga yarorohereje uwitwa Niyomugabo gukora icyaha cyo gusambanya umwana ubwo yasigaga abakingiranye bombi mu nzu yasambanyijijwemo uwo umwana. Uregwa yasubirishijemo ku mpamvu z'akarengane urubanza N° RPA 00472/2022/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 09/06/2023 nyuma yuko ahamijwe nurwo Rukiko cyo kuba icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana, agahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka 8 nuko urubanza ruburanishwa n'Urukiko Rw'Ikirenga. Yasubirishijemo urwo rubanza avuga ko urukiko rwamuhamije icyaha rwirengagije ubuhamya bw'uwitwa Muhawenimana yatanze mu bugenzacyaha wavuze ko ubwo Niyomugabo (wasambanyije umwana) yari mu nzu asangira inzoga n'uwitwa Mukamazimpaka, yamusabye ko yamuzanira NAK, umwana ahageze nawe bamuha inzoga, Ntaganira (usubirishamo urubanza) we asigara abatekeye, barangije kurya ahita ataha. Usubirishamo urubanza avugako yabasize ari batatu, nyuma Mukamazimpaka nawe asiga Niyomugabo na NAK bonyine, arabafungirana atwara n'urufunguzo ko ariko kuko Mukamazimpaka nta telephone yari afite Niyomugabo nyuma yo gusambanya umwana yahamagaye Ntaganira(uregwa) ngo amufungurire nawe amusubiza ko ari Mukamazimpaka ufite urufunguzo kuko ari nawe wafunze. Mu bibazo byasuzumwe hasuzumwe ibijyanye no kumenya niba Ntaganira (wasubirishijemo urubanza) yarabaye icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana hasuzumwa ubuhamya bwa Muhawenimana bwagaragajwe nk'ikimenyetso kirengagijwe, urukiko rusanga ubwo buhamya

Page 2

Muhawenimana yatangiye imbere y'Ubugenzacyaha, yivugira ubwe ko yamenye ko Niyomugabo ari we wasambanyije NAK, abibwiwe n'umugabo we Ntaganira, ari nawe ukurikiranyweho muri uru rubanza kuba icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana bityo ko budakwiye gushingirwaho kubera ko ibyo avuga atari ibyo we ubwe yahagazeho, ndetse akaba yarabibwiwe n'uregwa. Hanasuzumwe kandi ikibazo kijyanye no kumenya niba Ntaganira yatanze inkunga ya ngombwa rusanga ari we wahavuye nyuma ari nawe wakinze kuko nta wundi wahageze ngo abe yakingira inyuma, bityo ko icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana. Incamake y'icyemezo: 1. Ubuhamya bwemewe mu Rukiko ni ubutanzwe n'uvuga ibyo yiboneye cyangwa yiyumviye ubwe, ubutanzwe n'umuntu utariboneye cyangwa ngo yiyumvire ubwe ibijyanye n'imikorere y'icyaha cyangwa ikiburanwa (la preuve par oui-dire/hearsay) bukaba butakirwa, iyo bugamije kwemeza ukuri kw'ibivugwa. Bityo ubuhamya bwa Muhawenimana muri uru rubanza ntibukwiye gushingirwaho kubera ko ibyo avuga atari ibyo we ubwe yahagazeho, ndetse akaba yarabibwiwe n'uregwa, ushobora no kuba yaramubwiye ibimufasha kwikuraho icyaha.

2. Inkunga mu gukora icyaha ifatwa mu buryo bukurikira:
- a) Kuba icyitso bisaba ibintu bitatu ari byo ko haba habayeho (i) igikorwa cyo kuba icyitso (ii) igikorwa kigize icyaha gihanwa n'amategeko kandi (iii) bigakorwa bigambiriwe hagamijwe kwifatanya n'uwakoze icyaha;
 - b) Igikorwa cyo kuba icyitso (L'acte matériel de complicité) kibaho hatangwa ubufasha (aide ou assistance) cyangwa mu gushishikaza ukora icyaha cyangwa kumuha amabwiriza (provocation ou fourniture d'instruction);
 - c) Si ngombwa ko ubufasha cyangwa inkunga yatanzwe iba yabaye ngombwa cyangwa ko haba hari icyo yafashije koko mu ikorwa ry'icyaha, ikirebwa ni uko iba yafashije ukora icyaha gufata icyemezo;
 - d) Inkunga mu gutegura icyaha igizwe no gufatanya n'ukora icyaha mu bikorwa bitegura icyaha cyangwa mu gufata ingamba zigamije koroshya ikorwa ry'icyaha, uzi neza ko ibyo bikorwa biri buze gutuma icyaha gikorwa; inkunga mu gukora icyaha, ni iyatanzwe mu gihe icyaha gikorwa, n'ubwo uyitanga atari we ubwe uri gukora icyaha. Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane nta shingiro bifite. Amategeko yashingiweho: Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe, Ingingo ya 2 agace ka 5o Itegeko No 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, Ingingo 62.

Page 3

Imanza zifashishijwe: R. c. Baldree, 2013 CSC 35, [2013] 2 R.C.S. 520 para 32 R. c. O'Brien, [1978] 1 R.C.S. 591. Inyandiko z'abahanga: Collins Dictionary, <https://www.collinsdictionary.com/dictionary/english/hearsay-evidence>. Jean Pradel, droit pénal compare, 4e éd., Dalloz, Paris, 2016, p.304. R. c. Baldree, 2013 CSC 35, [2013] 2 R.C.S. 520 para 32 www.jurisource.ca/wp-content/uploads/2019/06/Ou%C3%AF-dire_d%C3%A9finitif_PDF.pdf Jean-Philippe Vicentini, Gérard Clément, Frédérique Dubost et Béatrice Clément https://shs.cairn.info/article/ELLI_GERAR_2015_01_0142?lang=fr Avi Bitton na Lois Pamela Lesot. <https://www.village-justice.com/articles/qui-est-complice- droit-penal,53141.html#:~:text=1%20du%20Code%20p%C3%A9nal%2C,et%20non%20une%20simple%20abstention> Bernard Bouloc, Droit Pénal Général, Editions Dalloz, 24è éd., P303-304

Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, Ubushinjacyaha burega NTAGANIRA Samuel na MUKAMAZIMPAKA Lidivine ko babaye ibyitso mu cyaha cyo guha inzoga umwana wahawe izina rya NAK no mu cyaha cyo gusambanya uwo mwana; ibyaha byakozwe na NIYOMUGABO Job ku wa 14/07/2021. Ubushinjacyaha bwashobanuye ko ubwo NIYOMUGABO Job, NTAGANIRA Samuel na MUKAMAZIMPAKA Lidivine bajyaga impaka z'uko NAK yaba akiri isugi, MUKAMAZIMPAKA Lidivine yababwiye ko aribo bazabyipimira, hanyuma ahamagara NAK, batangira kumuha inzoga. Buvuga ko amaze gusinda bamusiganye na NIYOMUGABO Job babakingiranye akaba ari bwo NAK yasambanyijwe. [2] MUKAMAZIMPAKA Lidivine yireguye ahakana ibyaha ashinjwa

avuga ko nta raporo ya Muganga ihari igaragaza ko NAK yasambanyijwe kandi ari kimwe mu bimenyetso by'ibanze bihamya ko umwana yasambanyijwe. Avuga kandi ko usibye ubuhamya yatanze ubwe, ubwatanzwe na ZANINKA Claudine (Nyina w'umwana) na NTAGANIRA Samuel, ubuhamya bwatanzwe n'abandi bose butashingirwaho kuko ibyo bavuze batabyiboneye, ahubwo ari ibyo bumvanye abandi. [3] NTAGANIRA Samuel yireguye avuga ko ibyaha aregwa bitamuhama kuko nta ruhare yabigizemo kandi ko nta na raporo ya Muganga ihari yemeza ko NAK yasambanyijwe, anavuga ko abatangabuhamya bagaragajwe nta n'umwe wigeze agaragaza uruhare rwe mu ikorwa ry'ibyo byaha. [4] Mu rubanza no RP 01221/2021/TGI/NYGE rwaciwe ku wa 11/02/2022, Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwasanze:

Page 4

- i. Nta bimenyetso bihagije Ubushinjacyaha bwatanze bigaragaza uruhare rwa MUKAMAZIMPAKA Lidivine mu cyaha cyo kuba icyitso gusambanya umwana ndetse n'abatangabuhamya bavugaga ibyo bumvanye abandi, ariko hari ibimenyetso byerekana ko yagize uruhare mu guha umwana inzoga kuko ari we wamujyanye kwa NIYOMUGABO Job;
- ii. NTAGANIRA Samuel adahamwa n'icyaha cyo kuba icyitso mu cyaha cyo guha umwana inzoga kuko atari we wamuzanye aho izo nzoga zanywebwaga cyangwa ngo abe yarazimuhaye, ariko ahamwa n'icyaha cyo kuba icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana nk'uko yabiyemereye ubwe, kuko yorohereje NIYOMUGABO Job ubwo yabakingiranaga bombi, agasiga uwo mwana wenyine azi neza ko ntacyo bapfana kandi yanasinze. [5] Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwanzuye ko MUKAMAZIMPAKA Lidivine ahamwa no kuba icyitso mu cyaha cyo guha umwana inzoga, ariko ko adahamwa no kuba icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana, rutegeka ko afungwa ukwezi kumwe. Kuri NTAGANIRA Samuel, Urukiko rwanzuye ko ahamwa no kuba icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana, ariko ko adahamwa no kuba icyitso mu cyaha cyo kumuha inzoga; rutegeka ko afungwa imyaka 25; runasonera abaregwa bombi kwishyura 20,000 Frw y'ingwate y'amagarama y'urubanza. [6] NTAGANIRA Samuel yajuririye Urukiko Rukuru asaba kurenganurwa kuko atigeze agira uruhare mu ikorwa ry'icyaha cyo gusambanya umwana. Ubushinjacyaha bwaburanye busaba ko hagumaho imikirize y'urubanza rwaciwe n'Urukiko rwabanje. [7] Mu rubanza no RPA 00472/2022/HC/KIG rwaciwe ku wa 09/06/2023, Urukiko Rukuru rwasanze:
- i. Imvugo zatanzwe na NTAGANIRA Samuel ajurira z'uko atari we wakinze urugi rw'aho umwana yasambanyirijwe, zitahabwa ishingiro kuko umwana wakorewe icyaha amushinja ko ariwe wakingiye inyuma akaba ari nawe waje kubafungurira, ibi kandi nawe ubwe akaba yarabyemeye ubwo yabazwaga mu Bugenzacyaha akemera ko icyaha yagikoze atabigambiriye, akaba ari nawe wajyanye na NIYOMUGABO Job kumugurira imiti ituma adasama; ii. Kuba NTAGANIRA Samuel avuga ko ari we wamenyekanishije ikorwa ry'icyaha atari ukuri kuko icyaha cyamenyekanye ubwo umuturanyi NIYONGABIRE Angelique yabimenyeshaga ZANINKA Claudine nyina wa NAK; iii. Kuba NTAGANIRA Samuel atabasha kuvuguruza ibimenyetso bimuhamya uruhare yagize mu gusambanya umwana, agomba kubihanirwa, ariko akagabanyirizwa igihano, agahabwa igituma agororwa kugira ngo ahabwe n'amahirwe yo gusubira mu muryango kuko ari ubwa mbere yari akoze icyaha. [8]

Urukiko Rukuru rwanzuye ko ubujurire bwa NTAGANIRA Samuel bufite ishingiro kuri bimwe, rwemeza ko ahamwa no kuba icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana, rutegeka ko agomba guhanishwa igifungo cy'imyaka 8, runavuga ko ingwate y'amagarama y'urubanza iherera mu isanduku ya Leta kuko akurikiranwa afunzwe. [9] Ku wa 05/07/2023, NTAGANIRA Samuel yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire asaba ko urubanza no RPA 00472/2022/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru, ku wa 09/06/2023 rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire amaze gusuzuma ubwo

Page 5

busabe, yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza rusubirwamo, maze mu cyemezo no 204/CJ/2024 cyo ku wa 01/11/2024 yemeza ko rwoherezwa mu Bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo ruzongere ruburanishwe. [10] Iburanisha mu ruhamye ryabaye ku wa 13/05/2025, NTAGANIRA Samuel yunganiwe na Me BAYINGANA Janvier ndetse na Me UWASE Sabine, naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na RUDATINYA NYANGEZI Gaspard; maze impaka zigibwa ku kibazo cyo kumenya niba NTAGANIRA Samuel yarabaye icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana. II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYACYO

- 1) Kumenya niba NTAGANIRA Samuel yarabaye icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana [11] NTAGANIRA Samuel na Me BAYINGANA Janvier na Me UWASE Sabine bamwunganira bavuga ko Urukiko Rukuru rwamuhamije kuba yarabaye icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana rwirengagije ubuhamya MUHAWENIMANA Sabine yatanze mu bugenzacyaha ku wa 04/08/2021. Basobanura ko mu nyandikomvugo ye, MUHAWENIMANA Sabine yavuze ko ubwo NIYOMUGABO Job yari mu nzu asangira inzoga na MUKAMAZIMPAKA Lidivine, yamusabye ko yamuzanira NAK, umwana ahageze nawe bamuha inzoga, NTAGANIRA Samuel we asigara abatekeye, barangije kurya ahita ataha. [12] Bavuga ko uwo mutangabuhamya avuga ko NTAGANIRA Samuel yabasize ari batatu, nyuma MUKAMAZIMPAKA Lidivine nawe asiga NIYOMUGABO Job na NAK bonyine, arabafungirana atwara n'urufunguzo; NIYOMUGABO Job arangije kumusambanya ahamagara NTAGANIRA Samuel ngo amufungurire kuko MUKAMAZIMPAKA Lidivine nta telefone yari afite, nawe amubwira ko ari MUKAMAZIMPAKA Lidivine wafunze kandi ari nawe ufite urufunguzo. Basobanura ko bitari gushoboka ko NTAGANIRA Samuel afunga cyangwa ngo afungure urugi kuko nta rufunguzo rwaho yari afite. [13] Mu iburanisha, NTAGANIRA Samuel ndetse n'abunganizi be, baburanye bavuga ko Inkiko zabanje zafashe ibintu uko bitari kuko zafashe nk'aho NTAGANIRA Samuel yemeye icyaha mu rwego rw'Ubugenzacyaha ubwo yemeraga ko yaguye mu cyaha atabizi kuko atari yabigambiriye, kandi icyo yavugaga ari uburyo yisanze ari kubazwa ibijyanye n'isambanywa ry'uwo mwana kubera ko yagiye mu nzu yabereyemo icyaha atazi umugambi w'abo yasanze. [14] Bavuga ko ikindi kitumvikanye neza mu nkiko zabanje, ari ubuhamya bwatanze na MUKAMAZIMPAKA Lidivine, kuko iyo izo nkiko zita kuri ubwo buhamya zari kubona ko MUKAMAZIMPAKA Lidivine ariwe wahamijwe icyaha cyo guha umwana inzoga, ko ari nawe wafashije mu itegurwa ry'icyaha cyo gusambanya umwana, akaba ari we nyirabayazana w'isambanywa ry'umwana aho kuba NTAGANIRA Samuel. Bavuga ko Urukiko

rwazasesengura uwatanze inkunga ya ngombwa akaba ari we wabibazwa. [15] Bavuga ko igituma NAK avuga ko ari NTAGANIRA Samuel wabakingiranye ari uko yabonye ari we ubakinguriye agakeka ko ari nawe wafunze kandi atari ko kuri, ko NIYOMUGABO Job yamuhamagaye kuri telefone ye amusaba ko yajya kumurebera

Page 6

MUKAMAZIMPAKA Lidivine akamuha urufunguzo akaza akamukingurira, akaba ari we yahamagaye kuko MUKAMAZIMPAKA Lidivine nta telefoni agira. [16] Ku kibazo cyo kumenya impamvu ibyo NTAGANIRA Samuel avugira mu Rukiko bitandukanye n'ibyo yavugiye mu Bugenzacyaha ndetse n'ibyo MUHAWENIMANA Sabine avuga kandi asaba ko hashingirwa ku buhamya bwe, basubije ko ibyo MUHAWENIMANA Sabine yavuze bemera ari ibyo NTAGANIRA Samuel yamwibwiriye, atigeze atekera abo bari kumwe kuko umureti bariye ari NIYOMUGABO Job wawutetse kandi ko yagiye kubagurira isukari inshuro ebyiri; ku byo kuba mbere yavuze ko atari we wabakinguriye ubu akaba avuga ko ari we, bavuga ko hari ibyo yavugiye muri RIB bitagomba guhabwa agaciro; naho ku kibazo cyo kumenya aho NTAGANIRA Samuel ahuriye na MUHAWENIMANA Sabine basubiza ko ari umugore we babana batarasezeranye, basaza basaba ko Urukiko rw'Ikirenga rwamurenganura. [17] RUDATINYA NYANGEZI Gaspard uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko ubuhamya bwatanzwe na MUHAWENIMANA Sabine butashingirwaho kuko ukurikije uburyo abutangamo agaragaza nk'aho yari mu cyumba umwana yasambanyirijwemo kandi atari ko biri; ahubwo ko ibyo yavuze nawe yabibwiwe n'umugabo we NTAGANIRA Samuel, ukurikiranyweho kuba icyitso; agasanga rero atavugaga ubuhamya bushinje umugabo we. [18] Akomeza asaba ko mu gufata icyemezo hashingirwa ku buhamya bwatanzwe n'umwana wakorewe icyaha kuko asobanura ko yahamagawe na MUKAMAZIMPAKA Lidivine amubwira ko hari icyo NIYOMUGABO Job ashaka kumubwira, maze yahagera bakamuha inzoga, MUKAMAZIMPAKA Lidivine akahamusiga akigendera, ndetse na NTAGANIRA Samuel nawe akagenda, agasobanura ko ari nawe wabakingiranye. Mu buhamya bwe akomeza avuga ko nawe ubwo yashakaga guhaguruka ngo atahe, yahise yikubita hasi, nyuma ibyakurikiyeho ntiyabimenye, ko yongeye gukanguka yisanga yambaye ubusa, ariyambaye mu buriri bwa NIYOMUGABO Job wari wamuhaye inzoga. Avuga ko NAK ariwe uzi neza ibikorwa byabanyirije isambanywa rye kuko yari agifite ubwenge, bityo ko undi muntu wese wagira ibyo avuga bitavuguruza ibyavuzwe n'uwakorewe icyaha. [19] Agaragaza ko uruhare NTAGANIRA Samuel yagize mu ikorwa ry'icyaha, rwaturutse ku mpaka bagiye ubwo bari aho icyaha cyabereye zishingiye ku kumenya niba koko NAK yaba akiri isugi, akaba ari bwo bapanze umugambi wo kumuhamagaza bakamuha inzoga, NTAGANIRA Samuel afata umwana wo kubatekera, arabagaburira, aranabafungirana kugira ngo NIYOMUGABO Job akore icyo cyaha yisanzuye, nta kibazo afite. Yongeraho ko icyemeza ko ariwe wabakingiranye ari uko ari nawe wahamagawe ngo aze akingure. [20] Asoza avuga ko ibivugwa na NTAGANIRA Samuel ko impamvu ariwe wahamagawe ari uko MUKAMAZIMPAKA Lidivine nta telefone yari afite, asanga ari uburyo bwo kwirwanaho no kuburana, agasobanura rero ko kuba yamuhamagaye ari uko yari azi ko ari nawe wavuye aho icyaha cyakorewe nyuma kandi agasiga anabakingiranye. UKO URUKIKO RUBIBONA: [21] Ababuranyi bemeranya ko umwana NAK yasambanyijwe akanahabwa

ibisindisha, banemeranya kandi ko kugira ngo umwana NAK asambanywe, hari uwabakingiranye akajyana urufunguzo. Icyo batemeranywaho ni inkunga NTAGANIRA Samuel yaba yaratanze, kuko

Page 7

Ubushinjacyaha bwemeza ko yayitanze ubwo yasigaga abakingiranye, mu gihe we avuga ko hatitawe ku buhamya bw'uwitwa MUHAWENIMANA Sabine ugaragaza ko atari NTAGANIRA Samuel wakinguye, hakaba hariho no gushidikanya ku bimenyetso byashingiweho. Impaka muri uru rubanza zishingiye ku kumenya agaciro k'ubuhamya bwa MUHAWENIMANA Sabine NTAGANIRA Samuel avuga ko butitaweho, ndetse no kumenya niba NTAGANIRA Samuel yaratanze koko inkunga ya ngombwa cyangwa ko haba hariho gushidikanya ku bimenyetso. A) ku bijyanye n'ubuhamya bwa MUHAWENIMANA Sabine [22] Ingingo 62 y'Itegeko no 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ryakoreshwaga igihe icyaha cyakorwaga iteganya ko "Ubuhamya (ari) ibivugwa mu rukiko bivuzwe n'umuntu wabibonye cyangwa wabyumvise ubwe ku byerekeye ikiburanwa." [23] Ingingo imaze kuvugwa isobanura ko ubuhamya ari imvugo zitangwa n'umuntu wumvise cyangwa wibonye ubwe imikorere y'icyaha cyangwa se ibindi byose bijyanye n'ikiburanwa. Ibi bigaragaza ko ubu ari bwo buhamya bwonyine bwemerwa mu Rukiko. Iyo usesenguye ubuhamya bwatanzwe na MUHAWENIMANA Sabine, usanga ibyo avuga ari ibyo yabwiwe na NTAGANIRA Samuel, umugabo we babana mu buryo butemewe n'amategeko, hakaba nta na kimwe yigeze ahagararaho mu mikorere y'icyaha uyu NTAGANIRA Samuel akurikiranyweho kuba icyitso, ubuhamya bwe rero bukaba ari ubuhamya butanzwe n'umuntu utaribonye cyangwa ngo yiyumvire ubwe ibijyanye n'imikorere y'icyaha cyangwa ikiburanwa. [24] Ubuhamya butanzwe n'umuntu utaribonye cyangwa ngo yiyumvire ubwe ibijyanye n'imikorere y'icyaha cyangwa ikiburanwa (la prevue par oui-dire/hearsay) busobanurwa mu nkoranyamagambo Collins nk'ubuhamya butangwa n'uwabwumvanye undi muntu cyangwa ikimenyetso gitangwa n'umuntu uvuga ibyo undi muntu yavuze²². Umuhanga Jean Pradel, mu gitabo droit pénal comparé, avuga ko ubuhamya butanzwe n'undi (oui-dire/témoignage indirect - hearsay), ari igihe umutangabuhamya abara (raconter) uruhererekane rw'ibikorwa byabaye ariko mu by'ukuri nta bumenyi na bucyeye abifiteho ubwe. Avuga ko ubuhamya butanzwe n'undi ari amagambo avuzwe n'umutangabuhamya, wayabwiwe n'undi utahamagariwe kuba umutangabuhamya, ko ubwo buhamya bufatwa nk'ubuziguye (témoignage indirect) kuko ubutangira imbere y'umucamanza nawe aba asubiramo imvugo yabwiwe n'undi³. [25] Ku bijyanye no kumenya niba ubuhamya butanzwe n'umuntu utaribonye cyangwa ngo yiyumvire ubwe ibijyanye n'imikorere y'icyaha cyangwa ikiburanwa bugomba guhabwa agaciro, uyu muhanga avuga ko mu bimenyetso bitakirwa mu rukiko harimo ubuhamya butanzwe n'utaribonye cyangwa ngo yiyumvire ibyo atangaho ubuhamya (la prevue par oui-dire). Akavuga ko impamvu yatumye ubwo buhamya butakirwa ari ukugira ngo birinde ikimenyetso kitavugisha

1 "Testimony based on what a witness has heard from another person rather than on direct personal knowledge or experience". Collins Dictionary. <https://www.collinsdictionary.com/dictionary/english/hearsay-evidence>. 2 Evidence given by a witness consisting of a report of something which someone else has said, rather than a statement of something which the witness

has actually seen or experienced”. Collins Dictionnary. idem 3 La prevue par ouï-dire est le fait pour un témoin de relater devant le juge des événements ou des faits dont il n’a pas eu personnellement connaissance. Selon la jurisprudence, l’ouï-dire est la déclaration faite à un témoin par une personne qui n’est pas elle-même assignée comme témoin”. Reba Jean Pradel, droit pénal compare, 4e éd., Dalloz, Paris, 2016, p.304.

Page 8

ukuri, kuko uwabumubwiye aba atabanje kurahirira kuvugisha ukuri, ubuvuga rero akaba atakwirerenga amakosa agenderewe cyangwa atagenderewe yaboneka mu buhamya atanga, kandi bikaba bidashoboka kugenzura ukuri kwabyo⁴. Ku rubuga rwa Jurisource, umwanditsi nawe agaragaza impungenge zagaragajwe n’Urukiko rw’Ikirenga rwa Canada⁵ zituma bene ubu buhamya butakirwa mu rukiko, harimo ko ubutanga ashobora kuba yarumvise ibintu uko bitari, yaba atacyibuka neza uko ibintu byagenze, no kuba yatera abantu kwibeshya, abigenderewe cyangwa atabigenderewe. Bavuga ko ubundi ibi bikosorwa no kubaza ibibazo byo kugenzura (contre-interrogatoire), ariko ko bidashoboka igihe uwabivuze atari we uri imbere y’Urukiko.⁶ [26] Urukiko rw’Ikirenga rwa Canada mu rubanza la Reine yaburanaga na Martin Edward O’Brien narwo rwemeje ko ubuhamya butanzwe n’umuntu utariboneye cyangwa ngo yiyumvire ubwe ibijyanye n’imikorere y’icyaha cyangwa ikiburanwa butagomba kwakirwa, iyo bugamije kwemeza ukuri kw’ibivugwa⁷. [27] Ibiteganywa mu ngingo ya 62 y’Itegeko ryavuzwe haruguru bihuriye hamwe n’ibivugwa n’abahanga, bigaragaza ko ubuhamya bwemewe mu Rukiko ari ubutanzwe n’uvuga ibyo yiboneye cyangwa yiyumviye ubwe ubutanzwe n’umuntu utariboneye cyangwa ngo yiyumvire ubwe ibijyanye n’imikorere y’icyaha cyangwa ikiburanwa bukaba butakirwa, iyo bugamije kwemeza ukuri kw’ibivugwa. [28] Ku bijyanye n’uru rubanza, dosiye irimo ubuhamya MUHAWENIMANA Sabine yatangiye imbere y’Ubugenzacyaha ku wa 04/08/2021, yivugira ubwe ko yamenye ko NIYOMUGABO Job ari we wasambanyije NAK, abibwiwe n’umugabo we NTAGANIRA Samuel, ari nawe ukurikiranyweho muri uru rubanza kuba icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana. Anavuga ko NTAGANIRA Samuel ari we wamubwiye ko NIYOMUGABO Job yamuhamagaye amubwira ngo aze abakingurire, akamusubiza ko ari MUKAMAZIMPAKA Lidivine ufite urufunguzo hanyuma akajya kuruzana agakingura. [29] Mu ibazwa ryabo mu Bugenzacyaha kandi, NTAGANIRA Samuel na MUHAWENIMANA Sabine bemera bombi ko babana nk’umugabo n’umugore ariko batarasezeranye, ibi NTAGANIRA Samuel akaba yaranabyemeje imbere y’uru Rukiko.

4 “Les juges anglais pensèrent alors que l’exclusion du ouï-dire réduisait le risque de non véracité de la prevue. Ce risque en pratique découle de trois circonstances: la prevue n’a pas été faite sous serment; le déposant relatant les propos du témoin absent n’a aucune responsabilité en cas d’erreur volontaires ou non sur les faits; il est impossible d’observer le comportement ou le tempérament du témoin, de chercher les motifs de sa conduite et de vérifier la précision et la véracité de ses dires par un contre-interrogatoire”. Jean Pradel. Idem 5 Mu rubanza R. c. Baldree, 2013 CSC 35, [2013] 2 R.C.S. 520 para 32 6 “la plus grande inquiétude quant à l’admissibilité de la preuve par ouï-dire est la difficulté d’établir la fiabilité de la déclaration. À ce sujet, la Cour suprême du Canada a énoncé quatre préoccupations: • La perception: il se peut que le déclarant

ait mal perçu les faits relatés dans sa déclaration. • La mémoire: il se peut qu'il ne se souvienne pas fidèlement de l'événement. • La narration: il est possible qu'en présentant les faits, il induise involontairement en erreur. • L'honnêteté: le déclarant pourrait avoir sciemment fait une fausse déclaration. Normalement, ces sources d'erreurs peuvent être corrigées par l'entremise d'un contre-interrogatoire. Toutefois, dans le cas d'une preuve par ouï-dire, la déclaration a été faite par une personne qui n'est pas devant la cour et qui n'est pas sujette à un contre-interrogatoire". www.jurisource.ca/wp-content/uploads/2019/06/Ou%C3%AF-dire_d%C3%A9finitif_PDF.pdf 7 il est établi en droit que la preuve d'une déclaration faite à un témoin par une personne qui n'est pas elle-même assignée comme témoin est une preuve par ouï-dire qui n'est pas recevable lorsqu'elle cherche à établir la véracité de la déclaration" Reba urubanza R. c. O'Brien, [1978] 1 R.C.S. 591

Page 9

- [30] Urukiko rurasanga ubuhamya bwa MUHAWENIMANA Sabine budakwiye gushingirwaho kubera ko ibyo avuga atari ibyo we ubwe yahagazeho, ndetse akaba yarabibwiye n'uregwa, ushobora no kuba yaramubwiye ibimufasha kwikuraho icyaha. B) Ku bijyanye no kumenya niba NTAGANIRA Samuel yatanze inkunga ya ngombwa [31] Ingingo ya 2 agace ka 50 y'Itegeko n°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe, iteganyaga ko icyitso (ari) "umuntu wafashije uwakoze icyaha mu byagiteguye bigaragarira muri kimwe mu bikorwa bikurikira: a) utuma hakorwa icyaha akoresheje igihembo, isezerano ry'igihembo, iterabwoba, agakabyo k'ubutegetsi cyangwa k'ububasha cyangwa amabwiriza agamije gukoresha icyaha; b) ufasha uwakoze icyaha mu byagiteguye, mu byoroheje imikorere yacyo cyangwa mu byakinonosoye kandi yarabikoze abizi, cyangwa uwashishikaje uwakoze icyaha; c) utuma undi akora icyaha akoresheje imbwirwaruhame, urusaku rushishikaza cyangwa iterabwoba, bibereye ahantu hateraniye abantu barenze babiri, inyandiko, ibitabo cyangwa ibindi byanditswe n'icapiro, biguzwe cyangwa bitangiwe ubuntu cyangwa byatangarijwe ahantu hateraniye abantu benshi, amatangazo amanitse cyangwa yeretswe rubanda; d) uwahishe uwakoze icyaha, umufatanyacyaha cyangwa uwahishe icyitso kugira ngo ataboneka cyangwa adafatwa, umufasha kwihisha cyangwa gucika cyangwa umuha aho kwihisha cyangwa uwamufashije guhisha ibintu byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoreshwa icyaha;
- e) uwahishe abizi ikintu cyangwa ibikoresho byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoresha icyaha; f) uwiba, uhisha cyangwa wonona nkana ku buryo ubwo aribwo bwose ibintu byagombye gufasha kugenza icyaha, gutahura ibimenyetso cyangwa guhana abakoze icyaha". [32] Abahanga mu mategeko, Jean-Philippe Vicentini, Gérard Clément, Frédérique Dubost na Béatrice Clément basobanura ko kuba icyitso bisaba ibintu bitatu ari byo ko haba habayeho (i) igikorwa cyo kuba icyitso (un élément matériel) (ii) igikorwa kigize icyaha gihanwa n'amategeko (un élément légal) kandi (iii) bigakorwa bigambiriwe hagamijwe kwifatanya n'uwakoze icyaha (un élément moral). Basobanura ko icyitso kibaho kubera ko habayeho icyaha gihanwa n'amategeko cyakozwe n'undi muntu. [33] Ku bijyanye n'inkunga mu gukora icyaha (aide ou assistance), abitwa Avi Bitton na Lois Pamela Lesot basobanura

ko kugira ngo habeho igikorwa cyo kuba icyitso (L'acte matériel de complicité) kibaho hatangwa ubufasha (aide ou assistance)⁹ cyangwa mu gushotora ukora icyaha cyangwa kumuha amabwiriza (provocation ou fourniture d'instruction)¹⁰. Bavuga kandi ko atari

8 “La complicité est constituée par la réunion de trois éléments: un élément légal (A) : elle suppose un fait principal punissable ; un élément matériel (B) : l'acte de complicité ; et un élément moral (C) : la volonté de s'associer intentionnellement à l'acte délictueux de l'auteur principal. (...) Cette exigence découle du principe de l'emprunt de criminalité de l'acte de l'auteur principal. L'acte de l'auteur communique à celui du complice sa propre qualification pénale. La complicité n'existe qu'à partir d'un fait principal objectivement punissable et ce fait suppose une infraction punissable commise à titre principal par une autre personne que le complice”. Jean-Philippe Vicentini, Gérard Clément, Frédérique Dubost et Béatrice Clément https://shs.cairn.info/article/ELLI_GERAR_2015_01_0142?lang=fr 9 Il faut alors un acte matériel ou moral, c'est-à-dire, en principe, un acte positif et non une simple abstention” Avi Bitton na Lois Pamela Lesot. <https://www.village-justice.com/articles/qui-est-complice-droit-penal,53141.html#:~:text=1%20du%20Co de%20p%3%A9nal%2C,et%20non%20une%20simple%20abstention> 10 La provocation est le fait de peser sur la volonté de l'auteur de l'infraction au point de le déterminer à faire l'infraction: don, promesse, menace, ordre, abus d'autorité ou de pouvoir. La fourniture d'instruction n'a pas besoin d'être circonstanciée, mais doit être suffisamment précise et doit être personnelle, même s'il est possible de passer par

Page 10

ngombwa ko ubufasha cyangwa inkunga yatanze iba yabaye ngombwa cyangwa ko haba ari icyo yafashije koko mu ikorwa ry'icyaha, ko ikirebwa ari uko iba yafashije ukora icyaha gufata icyemezo¹¹ [34] Umuhanga mu mategeko Bernard Bouloc nawe asobanura ko ugufasha mu cyaha (L'aide ou assistance) ari ugutanga ubufasha cyangwa ibikoreshe bikenewe mu gutegura cyangwa gukora icyaha. Atanga urugero rw'uwatanze intwari, uburozi, urwego cyangwa imfunguzo z'incurano azi neza ko biri bukoreshwe mu gukora icyaha, n'ibyo yatanze byaba atari ngombwa ngo icyaha gikorwe¹². Asobanura ko iyo nkunga ishobora gutangwa mu gutegura cyangwa mu gukora icyaha. Asobanura ko inkunga mu gutegura icyaha igizwe no gufatanya n'ukora icyaha mu bikorwa bitegura icyaha cyangwa mu gufata ingamba zigamije koroshya ikorwa ry'icyaha, azi neza ko ibyo bikorwa biri buze gutuma icyaha gikorwa. Atanga urugero rw'umuntu uha undi imodoka ye ngo ayitware kandi azi neza ko nta ruhushya rwo gutwara imodoka afite¹³. Naho inkunga mu gukora icyaha, uyu muhanga ayisobanura nk'iyatanze mu gihe icyaha gikorwa, agatanga urugero rw'umuntu ucungira umujura uri kwiba n'urw'uvuza umuziki mwinshi kugira ngo hatumvikana urusaku rw'umuntu uri kwicwa, n'ubwo atari we ubwe uri gukora icyaha¹⁴. [35] Uhuje ibiteganywa n'ingingo y'Itegeko yavuzwe haruguru n'ibivugwa n'abahanga bagarutseweho, bigaragara ko inkunga mu gukora icyaha ifatwa mu buryo bukurikira:

- a. Kuba icyitso bisaba ibintu bitatu ari byo ko haba habayeho (i) igikorwa cyo kuba icyitso (ii) igikorwa kigize icyaha gihanwa n'amategeko kandi (iii) bigakorwa bigambiriwe hagamijwe kwifatanya n'uwakoze icyaha;

- b. Igikorwa cyo kuba icyitso (L'acte matériel de complicité) kibaho hatangwa ubufasha (aide ou assistance) cyangwa mu gushishikaza ukora icyaha cyangwa kumuha amabwiriza (provocation ou fourniture d'instruction);

un tiers: c'est le fait de fournir des renseignements nécessaires à la réalisation de l'infraction" Avi Bitton na Lois Pamela Lesot. idem 11 Il n'est pas nécessaire que l'aide ou l'assistance ait été indispensable. Il n'est pas non plus nécessaire que l'aide ou l'assistance ait été utile matériellement, il suffit que cette aide ou assistance ait conforté le responsable dans son choix d'action". Avi Bitton na Lois Pamela Lesot. idem 12 L'aide ou assistance est (...), toute aide ou toute assistance fournie à l'auteur. (...)” Ainsi, celui qui a procuré une arme, du poison, une échelle ou de fausses clefs, etc., en sachant qu'ils devaient servir à la commission d'un meurtre, un empoisonnement ou d'un vol, pourra être puni comme complice (...) Mais il importe peu que les moyens n'aient pas été indispensables pour réaliser l'infraction". Bernard Boulloc, Droit Pénal Général, Editions Dalloz, 24^e éd., P303-304. 13 Aide dans la préparation d'une infraction: le fait de s'associer aux actes préparatoires, ou de prendre des mesures afin de faciliter la commission d'une infraction ultérieure en sachant que ces actes vont permettre l'exécution d'un crime ou d'un délit (...) c'est également le cas de celui qui confie sciemment le volant de sa voiture à un individu qui commet le délit de conduite sans permis" idem P304 14 Acte concomitant à l'infraction: l'aide ou assistance au moment de l'exécution matérielle du crime ou du délit. La jurisprudence a admis parfois que cette aide et assistance avait pu consister en une collusion avec l'auteur. En vertu de ce texte, celui qui fait le guet pendant qu'un autre est entrain de commettre un vol, ou celui qui joue de la musique pour qu'on entende pas les cris de la personne qu'on assassine doit être considéré comme un complice par aide ou assistance. Car s'il facilite l'exécution du vol ou de l'assassinat, il n'accomplit pas lui-même les actes matériels rentrant dans la définition légale du vol ou de l'assassinat". Idem, P305-306

Page 11

- c. Si ngombwa ko ubufasha cyangwa inkunga yatanzwe iba yabaye ngombwa cyangwa ko haba hari icyo yafashije koko mu ikorwa ry'icyaha, ikirebwa ni uko iba yafashije ukora icyaha gufata icyemezo;
- d. Inkunga mu gutegura icyaha igizwe no gufatanya n'ukora icyaha mu bikorwa bitegura icyaha cyangwa mu gufata ingamba zigamije koroshya ikorwa ry'icyaha, uzi neza ko ibyo bikorwa biri buze gutuma icyaha gikorwa; inkunga mu gukora icyaha, ni iyatanzwe mu gihe icyaha gikorwa, n'ubwo uyitanga atari we ubwe uri gukora icyaha. [36] Ku bijyanye n'uru rubanza, Urukiko rurasanga NTAGANIRA Samuel akurikiranyweho kuba yatanze inkunga mu cyaha cyo gusambanya umwana hashingiwe ku bikorwa byo kuba yarakingiranye umwana NAK mu nzu hamwe na NIYOMUGABO Job nyuma y'uko bamuhaye inzoga, akaba ari nawe waje kubakingurira icyaha cyamaze gukorwa, ibi akaba abishinjwa n'umwana NAK wasambanyijwe, aho, mu buhamya bwe asubiza ku kibazo cya 5 cy'Umugenzacyaha mu magambo akurikira: “ni mubyara wanjye witwa Lidivine, yaraje ansanga mu rugo arambwira ngo NIYOMUGABO Job aranshaka n'undi muhungu bari bari kumwe witwa

Mugisha¹⁵, noneho turamanuka tujyayo, tuhageze hari undi mwana wari uri hanze, Job amutuma nguvu na energy, amaze kuzizana baravangabarampereza ngo nywe, nabo baranywa, mu gihe turi kunywa Lidivine arasohoka hashize akanya n'uwo Mugisha arasohoka ahita afunga mbaza Job nti ese ko bafunze arambwira ngo nimbyihorere, ndamubwira nti hari ibintu ngiye gukora mu rugo ndagiye ndahaguruka ngiye gufungura nsanga bafungiyeye inyuma nkomeza gukurura urugi mpita nikubita hasi ndasinzira, ni ibyo nibuka". [37] Kuba NTAGANIRA Samuel ari we wasigaye, binavugwa na MUKAMAZIMPAKA Lidivine, uvuga mu buhamya bwe ko yagiye mbere agiye guha umwana icyayi, ibi akaba abihuriraho na NAK, uvuga ko Lidivine yagiye bagasigarana na Mugisha. Kuba rero ari we wahavuye nyuma ni nawe wakinze kuko nta wundi wahageze ngo abe yakingira inyuma. [38] Ku bijyanye no gukingura, yivuguruza mu mvugo ze, aho mu Bugenzacyaha yavuze ko atari we wakinguye, ko ari MUKAMAZIMPAKA Lidivine wakinguye, nyamara imbere y'Urukiko akaba yavuze ko ari we wagiye kwaka MUKAMAZIMPAKA Lidivine urufunguzo akaza gukingura. Ariko kubera ko NIYOMUGABO Job yari azi ko ari we wakinze, birumvikana ko ari nawe yahamagaye ngo aze gukingura. Kuba NTAGANIRA Samuel avuga ko igituma NAK avuga ko ari we wabakingiranye ari uko yabonye ari we ubakinguriye, ibi ntaho abishingira kuko mu mvugo za NAK, ntaho avuga ko azi uwabakinguriye. We mu gusubiza ikibazo cya 13, yivugira ko yarebye ku ruhande akabona imyenda ye agahaguruka akambara agahita asohoka, NIYOMUGABO Job yamubona akamukurikira ariko ntarenge ku muryango. Ibi bisobanuye ko NAK atazi igihe umuryango wakinguriye n'uwawukinguye. Ikindi kandi, igikorwa kimugira icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana NAK, ni icyo kumukingirana hamwe na NIYOMUGABO Job, agashobora kumusambanya nta nkomyi; akaba rero yaratanze ubufasha (aide) kugira ngo icyaha gikorwe. [39] Ku bijyanye n'ibyo NTAGANIRA Samuel n'umwunganira bavuga ko hariho gushidikanya mu bimenyetso, Urukiko rurasanga abishingira ku kuba ahakana kuba ari we wabakingiranye NIYOMUGABO Job na NAK, akavuga ko ari we wagiye mbere; ku birebana

15 Uyu yita Mugisha ni we NTAGANIRASamuel

Page 12

n'uwaba yakinguye nyuma y'aho NIYOMUGABO Job amaze gusambanya umwana NAK, akanabishingira ku kuba uwitwa MUHAWENIMANA Sabine yaravuze ko uwari ufite urufunguzo ari MUKAMAZIMPAKA Lidivine. Nk'uko byasobanuwe haruguru, nta gushidikanya guhari ku birebana n'uwakinze urugi kuko byemezwa n'umwana wahohotewe NAK ndetse na MUKAMAZIMPAKA Lidivine uvuga ko we yasohotse mbere. Urukiko rurasanga ahubwo ari NTAGANIRA Samuel uhindagura imvugo kandi ibyo bikaba bitashingirwaho ngo hemezwe ko hari ugushidikanya, mu gihe ibimenyetso bishingirwaho byo bidashidikanywaho. Urukiko rurasanga kandi hatashingirwa ku buhamya bwa MUHAWENIMANA Sabine nk'uko byasobanuwe mu bika bibanza. [40] Hashingiwe ku bimaze gusobanurwa, Urukiko rurasanga NTAGANIRA Samuel yarabaye icyitso mu cyaha cyo gusambanya umwana wahawe izina rya NAK, kuko ari we wamukingiranye mu nzu hamwe na NIYOMUGABO Job bigatuma amusambanya nta nkomyi. III. ICYEMEZO CY'URUKIKO [41] Rwemeje ko ikirego cyatanze na NTAGANIRA Samuel cyo

gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza no RPA 00472/2022/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 09/06/2023, nta shingiro gifite; [42] Rwemeje ko imikirize y'urubanza no RPA 00472/2022/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 09/06/2023, igumyeho.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/10269/10811>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/ntaganira-samuel-Complicity-supreme-court-2025--6a3ea5233b1caa9129818c45>

Prepared on 10 October 2026 · Esheria